DIOCESE DE NYUNDO
CARITAS NYUNDO/ KIBUYE

B.P. 20 KIBUYE Tél (0252) 568020 ; Tél / Fax (0252) 568021 e-mail :caritaskibuye@yahoo.fr

TUBANE MU BUFATANYE TWITA KUBADAFITE UKO BABAHO MURI IBI BIHE BY'AMAGE TWATEWE NA CORONAVIRUS

Kuri uyu wa gatandatu tariki 04/04/2020 Abafatanyabikorwa ba JADF ya Akarere ka Karongi na Caritas Nyundo Kibuye irimo bahuriye ku kicaro cyako karere bazanye ibiribwa bitandukanye byo Gufasha abahuye n'Ingaruka z'icyorezo cya COVID_19 bakaba bari kuburara kubera imirimo bakoraga yahagaze muri Gahunda ya Guma Murugo.

DIOCESE DE NYUNDO
CARITAS NYUNDO/ KIBUYE

B.P. 20 KIBUYE Tél (0252) 568020 ; Tél / Fax (0252) 568021 e-mail :caritaskibuye@yahoo.fr

Nka Caritas Nyundo Kibuye kubufatanye na Caritas Rwanda twabashyikirije

1. Umuceri :720kg
2. Akawunga :720kg
3. Umunyu : 90 kg
4. Amasabune :90 tige

Ibi byose bifite Agaciro ka Miliyoni imwe n'ibihumbi Magana abiri makumyabiri na kimwe magana atatu (1,221,300frw)

Akarere nako kakaba karabishyikirije abaturage babaruwe mu midugudu igize imirenge ya Rubengera na Bwishyura kuko byagaragaye ko ariho hari ababaye cyane, aho babariraga 250gr ku umuntu umwe kuri buri bwoko bwi ibiribwa na ½ cy'isabune ugakuba n'umubare w'abantu bari murugo bakamuha amafunguro y'iminsi 15.

Turacyakomeje aho tuzashyikiriza ibindi biribwa Akarere ka Rutsiro nibagaragaza itariki yo guha abafite ikibazo batoranyijwe.

DIOCESE DE NYUNDO
CARITAS NYUNDO/ KIBUYE

B.P. 20 KIBUYE Tél (0252) 568020 ; Tél / Fax (0252) 568021 e-mail :caritaskibuye@yahoo.fr

Amaparuwasi Gatolika nayo ntahagaze akomeje gukusanya ibizatangwa ku ituru izakurikiraho

Ayo mu mirenge itegereye imigi bari gukora ubukangurambaga bwo kwita kubashobobora kuba bari kuburara iwabo mu miryango remezo, naho amaparuwasi yegereye imigi bikazahurizwa hamwe bigatangwa nk'uko ibyambere byatanzwe. Turashimira Inama y'Abepiskopi yatekereje ko habaho ubu buryo bwo kugoboka abatishoboye muri ibi bihe bigoye. Dushimiye Umwepiskopi wa Diyosezi yacu ya Nyundo ukomeje kudushishikariza ubufatanye muri ibi bihe bigoye byugarije isi yose n'Igihugu cyacu kirimo. Muri Zone Pastorale ya Gisenyi naho biri gukorwa gutya kandi naho tuzabagezaho uko amakuru ameze.

DIOCESE DE NYUNDO
CARITAS NYUNDO/ KIBUYE

B.P. 20 KIBUYE Tél (0252) 568020 ; Tél / Fax (0252) 568021 e-mail :caritaskibuye@yahoo.fr

Gaspard MUTABAZI
Coordinateur des OSC
Caritas Nyundo/ Kibuye